Ibintu bibiri abantu bakora, ariko bituma baba abahakanyi: Kujora inkomoko y'umuntu, no kuborogera uwapfuye

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ibintu bibiri abantu bakora, ariko bituma baba abahakanyi: Kujora inkomoko y'umuntu, no kuborogera uwapfuye."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko ibintu bibiri bigaragara mu bantu ariko bibageza ku buhakanyi, no kurangwa n'imico ya kijiji ni ibi bikurikira: Icya mbere: Kujora amasano y'abantu, no kubatesha agaciro no kubibonaho. Icya kabiri: Kuboroga no kuzamura ijwi mu gihe cy'ibyago, no kutakira igeno rya Allah, cyangwa se kwiciraho imyambaro kubera kutihangana no kutakira igeno.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/6361